

# Ubumenyi bw'ibidukikije

Itumanaho n'uburyo bwo  
gutwara abantu n'ibintu

**Amashuri y'inshuke mu Rwanda**

Umwaka wa 1, uwa 2 n'uwa 3

**© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)**

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo  
Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# Ishakiro

Itumanaho.....

1

Uburyobutandukanye bwo gutwara  
abantu n'ibintu .....

12

# Iriburiro

Iki gitabo k' **Itumanaho n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu** cyagenewe abana bo mu mashuri y'inshuke kuva **mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu**. Murasangamo inyigisho ziyanye n'uburyo butandukanye bw'itumanaho, uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu no kwirinda impanuka ndetse n'imyitozo ijyanye n'izo nyigisho. Izi nyigisho zitondetse uhereye mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu. Iki gitabo cyateguwe hifashishijwe integanyanyigisho nshya yateguwe muri 2015. Bityo rero, ni ngombwa kuyisoma kugira ngo ubone ibisobanuro by'inyigisho zagenewe buri mwaka w'amashuri y'inshuke

Inyigisho **1**

# Itumanaho

## 1. Uburyo bw'itumanaho bukunze gukoreshwa iwacu

### Telefoni

Papa na Mama baritaba telefoni.



# Radiyo

Twese mu rugo twumva amakuru kuri radio.



# Televiziyo

Iyo turangije kwiga tureba televiziyo.



# Inzogera

Iyo inzogera ivuze twinjira mu ishuri.





# Ibaruwa

Iyi baruwa uyimpere mwarimu.



# Ikiyamakuru

Mama aransomera ikiyamakuru.



# Ifirimbi

Iyo ifirimbi ivuze tujya ku murongo.



# Ingoma


Iyo ingoma ivuze twitegura kubyina.



**Umukoro**


Ndavuga amazina  
y'ibikoresho by'itumanaho.

---



## Umukoro

Ndavuga amazina  
y'ibikoresho by'itumanaho.



**Umukoro**

Ndaca uruziga ku bikoresho by' itumanaho.



# Inyigisho **2** Uburyo butandukanye bwo gutwara abantu n'ibintu

## 1. Gutwara abantu n'ibintu ku butaka

Iyo ngenda n'amaguru nirinda  
kurangara.







Guheka mu ngobyi bisaba kugenda wigengesereye.



Tegereza ubone ubufasha mbere  
yo kwambuka umuhanda.




Iyo bantwaye ku igare, ndafata  
ngakomeza nkirinda kurangara.




**Umukoro**

Ndasiga amabara umuntu utwaye igare.

---



Iyo bantwaye ku ipikipiki, nambara ingofero ngafata ngakomeza.





**Umukoro**


Ndasiga amabara ipikipiki.



# Gutwara abantu n'ibintu mu modoka.



Nirinda gusohora umutwe cyangwa ukuboko kandi nkambara umukandara ndi mu modoka.








**Umukoro**


Ndasiga ibinyabiziga  
amabara mpisemo.

---



**Umukoro**

Ndakora imodoka.



## 2. Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi

Ubwato bwo mu biyaga.



Ubwato bunini bwo mu nyanja.





Ni ngombwa kwambara umwambaro wabugenewe mu butabazi bw'abagenda mu mazi.



**Umukoro**

Ndasiga amabara ubwato  
bwose.


---



**Umukoro**


Ndashushanya abantu mu bwato.

---



**Umukoro**

Ndakora ubwato.





### 3. Uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu kirere

Indege nini.




Indege ntoya.



**Umukoro**

Ndasiga amabara indege

---




Umukoro

Ndakora indege.



**Umukoro**

Ndasiga amabara ku byifashishwa mu kwirinda impanuka.



Ndakora telefoni.



# Ndakora televiziyo.



